REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail: bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°112019: **Taliki ya 11–20 Mata 2019**

Ryoherejwe kuwa 22 Mata 2019

Ingingo z'ingenzi:

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse kuva taliki 11-20_Mata_2019; cyagaragaje imvura yabonetse hose ku kigero gisanzwe, uretse mu gice cy'amajyaruguru ashyira i burengerazuba (ku bupimiro bwa Musanze, Busogo na Rubavu) habonetse imvura nke mu gihugu ndetse ikaba ari na nkeya ugereranyije n'imvura isanzwe ihaboneka muri iyo minsi
- Amashusho y'icyogajuru yerekana ubwiyongere ku buhehere bw'ubutaka henshi mu gihugu kubera ibihe by'ikibunda byaranze iki gice (taliki 11 kugeza 20 z'uku kwezi) ndetse n'imvura yabonetse henshi mu gihugu mu mataliki yo hagati muri iki gice
- **21-30_Mata_2019;** hateganijwe iminsi y'urukurikirane y'imvura mu gihugu hose iyo mvura ikazaba nyinshi ahegerye mu Birunga ndetse n' Ishyamba rya Nyungwe

I. Iriburiro

Igiteranyo cy'imvura yabonetse muri 11-20_Mata_2019; cyagaragaje imvura yabonetse hose ku kigero gisanzwe, uretse mu gice cy'amajyaruguru ashyira i burengerazuba (ku bupimiro bwa Musanze, Busogo na Rubavu) habonetse imvura nke mu gihugu ndetse ikaba ari na nkeya ugereranyije n'imvura isanzwe ihaboneka muri iyo minsi

a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye hagati ya 11-20_Mata_2019 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro:

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	11-20_Mata_2019	11-20_Mata
Kigali	50.0	47.9
Rusizi	50.5	54.6
Rubavu	12.7	47.3
Nyamagabe	66.3	68.3
Ngoma	53.7	66.3
Gicumbi	53.0	59.8
Busogo	27.6	78.0
Musanze	43.9	59.5
Gitega	76.4	40.2
Rubengera	49.3	48.3
Byimana	36.6	72.2
Kawangire	59.4	55.5
Nyagatare	46.1	33.9

Imbonerahamwe ya1



Igishushanyo1

b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye: Ikarita zikurikira (iya **1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye hagati ya 11-20 Mata_2019 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi

Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye hagati ya 01-10 Mata_2019 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki

Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 11-20_Mata_2019



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 11-20_Mata



Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 01-10_Mata_2019



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 01-10_Mata



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu mataliki ya 11-20_Mata_2019 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse 11-20_Mata_2019; cyagaragaje imvura yabonetse hose ku kigero gisanzwe, uretse mu gice cy'amajyaruguru ashyira i burengerazuba (ku bupimiro bwa Musanze, Busogo na Rubavu) habonetse imvura nke mu gihugu ndetse ikaba ari na nkeya ugereranyije n'imvura isanzwe ihaboneka muri iyo minsi (reba **Ikarita1&2** n'**Imbonerahamwe1**); naho igiteranyo cy'imvura yabonetse mu mataliki ya 01-10 Mata_2019; cyagaragaje imvura yabaye nkeya mu gihugu hagati, ndetse no mu Burengerazuba ugereranyije n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi kuri buri bupimiro; ahandi hose hasigaye mu gihugu haboneka ibipimo biri ku kigero gisanzwe kugeza hejuru (reba **Ikarita3&4**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5: Mata.2019. Igice cya mbere

Ikarita6: Mata.2019. Igice cya kabiri

Mu gice cya kabiri (taliki 11 kugeza 20 z'uku kwezi) cya Mata_2019; amashusho y'icyogajuru yerekana ubwiyongere ku buhehere bw'ubutaka henshi mu gihugu kubera ibihe by'ikibunda byaranze iki gice ndetse n'imvura yabonetse henshi mu gihugu mu mataliki yo hagati muri iki gice (reba **Ikarita 5&6**)

b) Iteganyagihe ry'igice cya gatatu Mata_2019

21-30_Mata_20109; hateganijwe iminsi y'urukurikirane y'imvura mu gihugu hose iyo mvura ikazaba nyinshi ahegerye mu Birunga ndetse n' Ishyamba rya Nyungwe:

- **Umujyi wa Kigali:** hateganijwe kuboneka imvura iri ku kigero cya mm40 kugeza kuri mm100 mu byumweru bibiri
- **Intara y'Uburasirazuba:** hateganijwe kuboneka imvura iri ku kigero cya mm30 kugeza kuri mm80 mu byumweru bibiri
- **Intara y'Amajyepfo:** hateganijwe kuboneka imvura iri ku kigero cya mm50 kugeza kuri mm140 mu byumweru bibiri
- **Intara y'Uburengerazuba:** hateganijwe kuboneka imvura iri ku kigero cya mm80 kugeza kuri mm200 mu byumweru bibiri
- **Intara y'Amajyaruguru:** hateganijwe kuboneka imvura iri ku kigero cya mm60 kugeza kuri mm140 mu byumweru bibiri

Ingano y'imvura (muri mm) iteganyijwe mu byumweru bibiri biri imbere:



Ikarita7: Mata.2019 kuva taliki 21 kugeza taliki 27

Ikarita8: Mata.2019 kuva taliki 28 kugeza Gicurasi taliki 04

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)